NSEKERA Emmanuel
RADIO RWANDA
B.P. 83 KIGALI

Kigali, le 27/06/1985

Milita Shefu wa Service ya Radiodiffusion

Impamvu: Gusobanura.

Milita Shefu,

Kuwa gatandatu taliki ya 22 Kamena nageze hano saa saba na mirongo ine (13h40') mpita njyana na MUNYEJABO kuli ARP kuko ngo mwali mwambwiye ko dukomeza gukorerayo kuko ubusanzwe abatelexmen baho bataha saa sita kuwa gatandatu. Ubwo nagumyeyo nzamukana amakuru saa cyenda. Nageze hano mbwira umushoferi ko ngiye kwaka régisseur imodoka hali MUKANOHE. MUNYAMPENDA arambwira ngo afite akazi kenshi kuli stade ahita ajya mu modoka nanjye mpita nyijyamo, ahita agenda mbonye agannye iya stade, twageze hali hirya imbere ya AIR RWANDA ndamubwira nti hagarara mvemo ubwo mpita nsubira kuli A.RP. Saa kumi ibura iminota 15 réception kuli ARP imbera mbi, réglage ya récepteur yaho irankomerera kuko bwali ubwa mbere nkoresheje iliya récepteur, ubwo mpita nzamukana amakuru nali mfite. Nasubiyeyo nkigera hano aliko sinali nzi ko MUKANOHELI bamusimbuye. Uwamusimbuye rero ntiyali azi ko ndi kuli agence, abamyamakuru nabo ntibali bazi ko aliho nakoreye. Birumvikana ko batagombaga kumbona hano. Byageze saa kumi nimwe na 20 mpita nzamuka aliko ntamakuru nali mfite kuko byali byakomeje kwandika nabi réglage yanyobeye. Nabisikanye n'umushofeli ajyanye umunyamakur kuli ARP basanga mpavuye ngeze hano régisseur Jeanne ati twakubuze, musobanulira aho nakoreye yanga kwemera ngo ntarabona dukorera kuli ARP ngo nzabisobanulira uwo mvuga wanyoherejeje yo. None se niba ntarakoreye kuli agence, dépêches zo kugeza saa kumi zavuyehe? Umugabo ntanze n'umuzamu wali uhali ku manywa, undi ntanze n'umuzamu w'ijoro kuko yahanganze saa kumi n'imwe. Navu e kuli ARP mpendahenda ibyuma byacu, amakuru yarazaga uretse ko réception itali nziza cyane. Ibyo byo turabimenyereye kuko bimaze igihe ali nayo mpamvu yaduteye gukorera kuli A.R.P.

Ibyo kunyinubira kw'abanyamakuru ntaho bishingiye kuko ali itiku gusa. Urugero, MATESO dupfa ko ngo nsansira (censure) rédaction. Abivugira ko hali dépêches zimwe na zimwe atabona. Icyakora nibyo kandi mbona aliko bigomba kugenda. None se ko mba nabahaye copie na Directeur akabona indi, iya gatatu ikajya muli Présidence, copie ya Mateso yavahe? Hali n'igihe dukoresha rouleau ifite plies ebyili gusa.

... / ...

Kigali, le 24/6/1985

Milita NSEKERA Emmanuel
Telexman
Radio-Rwanda
KIGALI.

**Objet:** Gusobanuza

Milita,

Kuwa gatandatu taliki ya 22 Kamena 1985 mu gihe wa ombaga gukora, abanyamakuru bakubuze kuli radio nyuma ya saa sita yose, babura dépêches zo guteguza amakuru ya nimugoroba.

Ko ngo abantu babonye shoferi akujyana, yali akujyanyehe, ko utali ugiye kuli ARP gushakayo dépêches, kandi ko nta n'isaha imwe wali wakamaze ku kazi ?

Iyi baruwa nyikwandikiye ali uko maze igihe kirekire nuava abanyamakuru binubira kubura ku kazi kwawe kwa buli gihe, bigatuma akazi kabo katagenda neza. Umwete muke wawe ku kazi uswi kandi n'abakozi ba Radio bose.

Shefu wa Service ya Radiodiffusion.
Gaspard GAHIGI

BIMENYESHEJWE.
- Umuyobozi wa ORINFOR
- Shefu wa Section Maintenance
- Shefu wa Section Redaction
- Shefu wa Section Secrétariat Général/ Relations Publiques/ Personnel
- Shefu wa Sous-Section RF
- Shefu wa Sous-Section Régie

KIGALI.